



**Urubanza N° MICT-18-116**  
**Porokireri aburana na Turinabo na bagenzi be**

Received by the Registry  
International Residual Mechanism for Criminal Tribunals  
20/09/2018 12:15

*Thwaciropo*

ICYEMEZO

**MICT-18-116**  
**20-09-2018**  
**(2 - 1/75ter)**

GEREFIYE,

**ASHINGIYE KURI** Sitati y'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha ("Sitati" na "IRMCT", uko bikurikirana) nk'uko yemejwe n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi mu Cyemezo cya 1966 (2010), by'umwihariko Ingingo ya 19 yayo;

**ASHINGIYE KU** Mategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso, nk'uko yemejwe na IRMCT ku itariki ya 8 Kamena 2012 ("Amategeko") kandi agahindurwa ku ya 9 Mata 2018, by'umwihariko Ingingo ya 43, iya 64(D) n'iya 90;

**ASHINGIYE KU** Mabwiriza yerekeye ishyirwaho ry'abavoka bunganira abaregwa, nk'uko yemejwe na IRMCT ku itariki ya 14 Ugushyngy 2012 ("Amabwiriza"), by'umwihariko Ingingo ya 14(B) n'iya 16(H) zayo;

**ASHINGIYE KU** Mabwiriza yerekeye imyitwarire mu kazi y'abavoka bunganira abaregwa muri IRMCT ("Amabwiriza yerekeye imyitwarire mu kazi");

**AZIRIKANA KO** IRMCT yashyiriweho gukomeza "ububasha, uburenganzira, inshingano n'imirimo y'ingenzi" by'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR) n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahoze ari Yugosilaviya (TPIY)<sup>1</sup>,

**AMAZE KUBONA KO**, ku itariki ya 24 Kanama 2018, Umucamanza umwe rukumbi wa IRMCT yemeje Inyandiko y'ibirego yakorewe Maximilien Turinabo, Anselme Nzabonimpa, Jean De Dieu Ndagijimana, Marie Rose Fatuma na Dick Prudence Munyeshuli ("Abaregwa") bashinjwa icyaha cyo gusuzugura Urukiko giteganywa n'Ingingo ya 90 y'Amategeko;

**AMAZE KUBONA** ko Inyandiko y'ibirego, itari ibanga, yakuwemo amakuru agomba kugirwa ibanga yatanze ku itariki ya 5 Nzeri 2018<sup>2</sup>;

<sup>1</sup> icyemezo cya 1966 (2010) cy'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi, igika cya 4.



MICT-18-116

1/75ter

**AMAZE KUBONA KO** Abaregwa bimuriwe Arusha ku itariki ya 11 Nzeri 2018 kandi ko itariki bazitabiraho Urukiko bwa mbere itaragenwa;

**AMAZE KUBONA KO** Ingingo ya 90(E) y'Amategeko iteganya ko ayo Mategeko akurikizwa, hahindutse ibigomba guhinduka, ku cyaha cyo gusuzugura Urukiko;

**AMAZE KUBONA KO** umuntu wese urezwe icyaha cyo gusuzugura Urukiko agenerwa avoka ku buntu, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 43 y'Amategeko, iyo yujuje ibiteganywa ngo afatwe nk'umuntu udashoboye kwirihira avoka;

**AMAZE KUBONA KO** uburenganzira bw'Abaregwa buteganywa na Sitati, Amategeko n'Amabwiriza bugomba kubungabungwa kugera igihe baboneye avoka uhoraho cyangwa kugera bahawe avoka mu buryo buteganywa n'Ingingo ya 43 y'Amategeko; kandi ko Ingingo ya 64(D) y'Amategeko iha Gerefiye ububasha bwo gushyiraho abavoka b'agateganyo muri urwo rwego;

**AMAZE KUBONA KO** Bwana Arnold Laisser ari ku irisite y'"abavoka b'agateganyo" iteganywa mu Ngingo ya 43(C) y'Amategeko, kandi ko yemeye kunganira Dick Prudence Munyeshuli nk'avoka w'agateganyo;


**ASHYIZEHO** Bwana Laisser, hashingiwe ku Ngingo 16(H) y'Amabwiriza, nk'Avoka w'agateganyo wo kunganira Dick Prudence Munyeshuli mu muhango wo kwitaba Urukiko bwa mbere no mu bindi bintu bishobora kuba ngombwa kugera igihe Uregwa aherewe avoka uhoraho. Avoka Laisser agomba gutangira imirimo ye guhera ku itariki iki Cyemezo gifatiweho.

[Umukono]

Olufemi Elias

Gerefiye

[Kashe ya IRMCT]



Bikozwe uyu muni, tariki ya 11 Nzeri 2018.

I Lahe,

U Buholandi.

<sup>2</sup> *Urubanza Porokireri aburara na Turinabo na bagenzi be*, N<sup>o</sup> MICT-18-116, "Inyandiko imenyekanisha itangwa ry'Inyandiko y'ibirego, itari ibanga, yakuwemo amakuru agomba kugirwa ibanga", 5 Nzeri 2018.



IRMCT · MIFRTP

TRANSMISSION SHEET FOR FILING OF TRANSLATIONS / FICHE DE TRANSMISSION POUR LE DEPOT LES TRADUCTIONS

I - FILING INFORMATION / INFORMATIONS GÉNÉRALES

To/ À :	IRMCT Registry/ Greffe du MIFRTP	<input checked="" type="checkbox"/> Arusha/ Arusha	<input type="checkbox"/> The Hague/ La Haye
From/ De :	<input checked="" type="checkbox"/> IRMCT CLSS The Hague	<input type="checkbox"/> IRMCT CLSS : Arusha	
Original Submitting Party	<input type="checkbox"/> Chambers	<input type="checkbox"/> Defence	<input type="checkbox"/> Prosecution <input checked="" type="checkbox"/> Other Registrar
Case Name/ Affaire :	TURINABO ET AL	Case Number/ Affaire n° :	MICT-18-116
Original Document Number	MICT-18-116-0016	Translation Ref. Number	REG53714
Date of Original/ Daté de l'original :	11/09/2018	Date transmitted/ Transmis le :	20/09/2018
		No. of Pages/ Nombre de pages :	2
Original Language / Langue de l'original :	<input checked="" type="checkbox"/> English/ Anglais	<input type="checkbox"/> French/ Français	<input type="checkbox"/> Kinyarwanda <input type="checkbox"/> B/C/S <input type="checkbox"/> Other/Autre (specify/préciser) :
Language of Translation/ Langue de traduction	<input type="checkbox"/> English Anglais	<input checked="" type="checkbox"/> French Français	<input type="checkbox"/> Kinyarwanda <input type="checkbox"/> Other/Autre(specify/préciser)
Title of Original Document/ Titre du document original :	Decision		
Title of Translation/ Titre de la traduction	Icyemezo		
Classification Level/ Catégories de classification :	<input checked="" type="checkbox"/> Unclassified/ Non classifié	<input type="checkbox"/> Ex Parte Defence excluded/ Défense exclue	
	<input type="checkbox"/> Confidential/ Confidentiel	<input type="checkbox"/> Ex Parte Prosecution excluded/ Bureau du Procureur exclu	
	<input type="checkbox"/> Strictly Confidential/	<input type="checkbox"/> Ex Parte R86(H) applicant excluded/ Art. 86 H) requérant exclu	
		<input type="checkbox"/> Ex Parte Amicus Curiae excluded/ Amicus curiae exclu	
		<input type="checkbox"/> Ex Parte other exclusion/ autre(s) partie(s) exclue(s) (specify/préciser) :	
Document type/ Type de document :	<input type="checkbox"/> Motion/ Requête <input checked="" type="checkbox"/> Decision/ Décision <input type="checkbox"/> Order/ Ordonnance <input type="checkbox"/> Judgement/ Jugement/Arrêt <input type="checkbox"/> Submission from parties/ Écritures déposées par des parties <input type="checkbox"/> Submission from non-parties/ Écritures déposées par des tiers <input type="checkbox"/> Book of Authorities/ Recueil de sources <input type="checkbox"/> Affidavit/ Déclaration sous serment <input type="checkbox"/> Indictment/ Acte d'accusation <input type="checkbox"/> Warrant/ Mandat <input type="checkbox"/> Notice of Appeal/ Acte d'appel		